REPUBLIKA Y'U RWANDA

Burera , kuwa 31/08/2021
No .1861...07....1.04/04/00

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA BURERA

AKARERE KA BURERA

## ITANGAZO RIGENEWE ABARIMU BIFUZA GUHINDURIRWA AHO GUKORERA

Hashingiwe ku Iteka rya Perezida **No 064/01 ryo ku wa 16/03/2020** rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro; cyane cyane mu ngingo zaryo za 53,54,55 ndetse n'iya 56 zivuga kubijyanye n'iyimurwa ry'umwarimu,

Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera buramenyesha abarezi bifuza guhindurirwa aho gukorera mu mwaka w'amashuri wa 2021-2022 kandi bujuje ibisabwa ko basabwe gutanga dosiye zabo mubunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze kuwa 15/09/2021 saa kumi nimwe z'umugoroba17h00 ..

**Abifuza guhindurirwa aho gukorera imbere mu Karere barasabwa ibyangombwa bikurikira:**

- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Akarere ka Burera
- Fotokopi y'ibaruwa ya burundu ishyira umwarimu mu kazi
- Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka wa 2020-2021 gitanzwe n'ubuyobozi bw'ikigo akoreraho
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishaho
- Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe

**Abifuza guhindurirwa aho gukorera bava mu tundi Turere baza mu Karere ka Burera barasabwa ibyangombwa bikurikira:**

- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Akarere
- Kuba yararangije igihe cy'igeragezwa kandi afite ibaruwa imuha akazi ya burundu
- Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka wa 2020-2021 gitanzwe n'ubuyobozi bw'ikigo akoreraho cy'uko yagize amanota y'isuzuma mikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishaho
- Fotokopi y'indangamuntu,
- Fotokopi ya Diplome ahemberwa



Scanned with CamScanner

**Abifuza gusinyirwa bava mu Karere ka Burera bajya mu tundi Turere barasabwa ibyangombwa bikurikira:**

- Kuba yararangije igihe cy'igeragezwa kandi afite ibaruwa imuha akazi ya burundu
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Akarere w'aho Ishuri yifuza kujya kwigishamo riherereye kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya
- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Akarere ka Burera
- Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka wa 2020-2021 gitanzwe n'ubuyobozi bw'ikigo akoreraho
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n,umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishaho
- Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'Ishuri yigishamo kimwemerera ko aho avuye nta cyuho kizaba mu masomo yigishaga

Bikorewe Burera , kuwa 31/08/2021

AKARERE KA BURERA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**UWANYIRIGIRA Marie Chantal**
Umuyobozi w'Akarere ka Burera



Scanned with CamScanner